

## IGISIBO CYA 2016

---

Bikira Mariya n'Umwana we, Yezu Kristu, ntibajya batandukana. Tubisanga no mu ibonekerwa ryo kuri 15/05/2006. Bigasobanura ko icyo umwe avuze, icyo umwe akoze, icyo ubwiye n'umwe muri Bo, biba ari ibya Bombi. Ibyo turabyemera? Twumve uko mu mabonekerwa bagiye badusobanurira urukundo badukunda, bikatwumvisha ko :

### **« ARI BO BUHUNGIRO BW'ABATAGIRA KIVUGIRA NA KIRENGERA ».**

Iryo rikatubera ijamba ngenderwaho muri iki cyumweru cya kabiri cy'igisibo (guhera tariki ya 18/02 kugeza ku ya 24/02/2016).

**MU IBONEKERWA RYO KU TARIKI YA 15/05/2006** dusangamo aya magambo ya Bikira Mariya :

- ... Bana banjye,
- Bana banjye, ndabakunda
- Ibibabangamiye byose mubimpereze
- Mujye muza igihe cyose kuko mpora mbategereje
- Mujye munsaba icyo mushaka nzabaha
- Mujye muhereza Imana ibyanyu byose mumubwire ko mutabishoboye
- Ntimugatekereze ibibanduzi, kuko mbibarinda
- Ntukababare, ndi kumwe nawe, sinzagutererana,
- Nzabafasha
- Mbahaye umugisha wa kibyeyi
- Ntukagire ubwoba ...

**MU IBONEKERWA RYO KU ITARIKI YA 15/05/2007**, Bikira Mariya avuga ati :

- ...Reba hejuru, umpange amaso, urambona kandi nkubwire
- Ni muruhuke
- Cya gihe wababaraga, wari kumwe nanjye
- Nzakuba hafi igihe cyose
- Nzagushyigikira
- Uzansabe imbaraga nzaziguha
- Uburwayi bwawe ndabuzi
- Mu mabonekerwa, indirimbo zose basaba uwo babonekera kuririmba ngo harimo ubutumwa :
  - Naje mbasanga, naje mbakunze, ni muhumure mbatabare ...
  - Nazindutse kare cyane ngana Afurika
  - Mariya mwiza Mubikira Mubyeyi wacu, urakaramba :
  - Iwanyu si kure cyane, uwazindutse arahataha
  - Turarinzwe bana b'Imana...

**MU IBONEKERWA RYO KU TARIKI YA 15/05/2008** : Bikira Mariya aragira ati :

- ... Mumbwire muti « Mawe, turaje »
- Mworoshye imitima kugira ngo Roho Mutagatifu yinjire, akande aharwaye, amare inyota abayifite, kandi ahoze abababaye.

- Nshaka ko mutazasigara nk'impfubyi
- Ngira inyota yo kudasanga
- Ntimukagire agahinda mufite uwo muganyira
- Murakagira abababyara.
- Iyo nje, mba mbakumbuye, mba mbashaka, muba munkeneye
- Igihe muririmba,... murabishyire ku mutima w'uwo uje usanga, w'uwitwa inshuti.
- Igihe cyose mujye muhora murangamiye Uwiteka
- Mbahaye Roho Mutagatifu Umuhoza
- Ntihagire ikidutera ubwoba turangamiye Imana
- Igihe wari uri mu bitaro, twari kumwe
- Ntabwo nagutereranye, ujye umenya ko ndi kumwe nawe, ujye ureba ko nagukijije
- Indirimbo :
  - .Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana, Bikira Mariya ujye uduhakirwa
  - .Uri ya mazi y'urubogobogo, amwe ahembura abarembura
  - .Imbere y'Imana niho uhagaze ....umbereye ingabo
  - .Funguro duhawe rihoraho....uze umvune mu rugamba ndwana nje nkugana
  - .Murumve twana twanjye nabaraze urukundo: ntiuhagire ikibakanga, ntabwo nzabahana...nzahorana namwe ntsimbura ibibarwanya...,ujye umpamagara nanjye nze tujye tujyana..., ujye unyambaza nkuvure..., muhumure naratsinze..., ntiuhagire ikibakanga we!
  - . Mubyeyi uturutira abandi, Bikira Mariya, ujye uduhoza ku mutima.

### **AMASENGESHO TUZAKOresha Muri Iki Cyumweru :**

- Ngwino Roho Mutagatifu, uhumurize umutima wanjye,  
Ni wowe buruhukiro bw'abarushye  
Ni wowe umara inyota abayifite  
Ni wowe uhoza abarira  
Ni wowe uhabura abahabye  
Sukura ibyanduye, sukira ibyumiranye, omora ibyakomeretse  
Susurutsa imitima ikonje, garura imitima y'abahabye,  
Abawe bakwemera uzababere iherezo mu buhire bwawe  
Uzabahe n'ibyishimo bidashira, amina.
- Bikira Mariya Nyir'impuhwe
- Bikira Mariya utarasamanywe icyaha, urajye udusabire twe abaguhungiyeho (3x)

### **IGIKORWA :**

- ✓ **Gushengerera** Aho ushoboye kwihereza (mu kiriziya, cyangwa imbere y'ishusho iri mu nzu yanyu, n'ahandi). Iyambaze Umubyeyi Bikira Mariya, umusabe abe hamwe nawe muri iri sengesho, maze uhangе amaso Nyagasani, umubwire uti :
 

« Nyagasani, nguhanze amaso ngo ngusenge, nkuranye, ngusingize, nguhereze Imana Data ho ituro rimunyura.  
Umbereye Amiringiro n'Ubuhungiro butavogerwa ».  
Yezu Nyirimpuhwe, ndakwizeye. (3x)
- ✓ **Gutabara**: Gusura abarwayi, gufasha abakene n'abatishoboye, guhoza abafite agahinda n'imibabaro, . . .

**IGISIBO CYIZA!**